UMWEPISKOPI YATANGIJE UMWAKA W'AMASHURI 2019 MU SEMINARI NTO YA NYUNDO

Kuri uyu wa gatandatu tariki ya 23 Gashyantare 2019, Kiliziya ihimbaza Mutagatifu Polycarpe, nibwo Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA yafunguye umwaka w'amashuri 2019 mu Seminari nto ya Mutagatifu Piyo wa X ya Nyundo. Ubusanzwe umwaka w'amashuri mu Seminari watangiye tariki 14 Mutarama 2019, utangirana n'abaseminari 332, ariko uyu munsi guhera i saa tanu, nibwo Umwepiskopi yaturiye Igitambo cya Misa mu Seminari yifuriza abanyeshuri n'abarezi imirimo myiza y'amasomo kandi yifuriza ikaze abaseminari bashya 78 batangiye umwaka wa mbere mu Seminari.

Nyuma y'Ijambo ry'ikaze ryavuzwe na Padiri Léandre NSHIMYIYAREMYE, Recteur wa Seminari Misa yakomeje uko bisanzwe. Mu nyigisho ye, Musenyeri yagarutse cyane ku buzima bwa Mutagatifu Polycarpe wakomeye ku kwemera yari afitiye Yezu Kristu akanga kumwihakana bikageza naho amaraso ye yemera ko amenwa. Bityo akemera kumupfira kuko yari azi uwo yemeye ko azamusubiza ubuzima buzima nyuma y'amagorwa yo kuri iy'isi. Yongeye gusaba abaseminari n'abarezi kurangwa n'ukwemera kubatera gukora imirimo yabo igomba kugaragaza ko ari abakristu koko kandi imirimo yabo ikagarazwa n'imbuto nziza. Yasabye abaseminari gukurikira neza uburere bahabwa mu Seminari biga neza kandi bagatsinda neza. Umurimo unoze uzabahesha kumenya kwiyubaha, kuba ingirakamaro kuri bo ubwabo, kuri Kiliziya no ku Gihugu cyacu muri rusange.

Mu ijambo rya Padiri Recteur yatangiye ashimira Umwepiskopi waje gutangiza umwaka w'amashuri mu Seminari, avuga muri make uko abanyeshuri n'abarezi bahagaze uyu mwaka batangiye, ariko akomoza no ku mwaka ushize uko wagenze cyane cyane uko abashuri bari mu mashuri arangize bitwaye mu bizamini bya Leta bisoza icyiciro cya mbere ndetse ndetse n'icyiciro rusange. Muri rusange bigaragara ko umusaruro udashimishije ugereranyije n'uko Seminari yacu igomba gutsinda iza ku isonga muri byose. Cyakora yagaragaje ko umwaka w'amashuri ushize Seminari yahuye n'ibibazo bikomeye ku buryo n'abaseminari byabagizeho ingaruka, bikaba bishobora kuba byarababereye n'imbogamizi yo kudakora neza ngo bagire umusasruro ushimishije. Yasoje ijambo rye agaragaza ingamba bafite zo kuzagera ku mitsindire ishimishije bafatanyije bose. Yarangoje ashimira Umwepiskopi uko Seminari ikomeje kuvugururwa hagamijwe isuku yayo ahantu hose.

Umwepiskopi n'abaseminari bato bashya batangiye umwaka wa mbere mu Seminari.

Mu ijambo rye asoza uyu munsi, Umwepiskopi yatangiye ashimira abitabiriye uyu munsi barimo n'Umuyobozi w'Umurenge wa Nyundo, amushimira amagambo meza yavuze yo gushyigikira uburezi no gushimangira ubufatanye hagati ya Leta na Kiliziya. Yakomeje ashima uko uwo munsi wateguwe ashimira buri wese uruhare agira mu gutanga uburere mu Seminari. Yakomeje abwira abarezi ko nabo babona ko umusasruro w'umwaka ushize udashimishije abasaba rwose gukora ibikwiye kugira ngo uyu mwaka rwose tuzagere ku mitsindire ishimishije iseminari isubirane ishema ryayo. Yakomeje abibutsa ko mu burere batanga bagomba kwihatira no kwitwara neza imbere yabo barera kuko imyitwarire y'Umwarimu igira uruhare mu burere bw'umuseminari. I Seminari itanga uburere n'ubumenyi bigomba kujyana kugira ngo abarererwa hano mu Seminari, abazaba abapadiri, n'abandi bazabe koko abagabo bahamye sosiyete nyarwanda yacu ikeneye. Yongeye kwibutsa abaseminari amagambo meza ahora ababwira agira ati:

Effort : Oui,
Excellence: Oui,
Efficacité : Oui,
Médiocrité : Non,
Facilité : Non.

Yashoje atangaza ku mugaragaro ko afunguye umwaka w'amashuri 2019 mu Seminari nto ya Nyundo. Yifuriza buri wese kuzarangwa no kunoza inshingano

ze; kuzikorera aho agomba kuzikorera kandi ku gihe gisabwa n’ubuyobozi bwa Seminari.

Padiri KWIZERA Jean Marie